K0210846

| | |
|---|---|
| Identification | : 0141 C.4/K95 26,29/11/93. |
| Duration | : 60 min. |
| Quality | : good. |
| Transmission | : RTLM. |
| Name of transcriber | : Gatimbiro Uwera Olga. |
| Date of transcription | : 24/04/2000. |
| Name of file | : 0141. |
| Dictaphone | : Express Write Model 250-65n516525. |

# RESUME DE LA CASSETTE N° 141.

## FACE A.

* L'infiltration des Inyenzis dans la commune Tumba.

* Conférence de presse du général Dallaire et on l'accuse aussi d'avoir de parti pris pour les Inyenzis.

* Préparation de cérémonies de funérailles du président Ndadaye du Burundi.

## FACE B.

* Communiqué redigé par les Tutsis du Burundi qui ne sont pas natifs de la province du Bururi.

* Changement de l'emplacement du marché de Remera.

* Interview de quelques gens qui travaillent dans ce marché de Remera.

K0210848

Orateur : HITIMANA Noheli.

... agahinda (aimyoza) mbese nta wabyumva ni a... ni amayobera, ni amayobera rwose nk'Ubutatu butagatifu. Ati "noneho président NDADAYE aho yarari muri Brarudi aho bamashyize him, ku muntu wemeye kugira ngo amwakire aho ngaho mu mazu ya Brarudi" ati "na bagenzi be" ati "babibye". Mwumve rero! Bari baremeje ko ku itariki ya 29 ari ho bazamushyingura ku mugaragaro abakuru b'ibihugu bahateraniye, abantu bose bakomeye bahageze, Abafrodebu bahari mbese n'ababakunda bose bahari, umuryango, inshuti n'abavandimwe.

Ejo twumvise inkuru ivuga ko... noneho bahinduye itariki bumva bashaka kuzamushyingura ku itariki ya gatandatu z'ukwezi gutaha. Yee... na byo nta kibazo kirimo n'ubundi yarapfuye, yarapfuye, aho ari araho, abazungu ba... bazi kugira imiti bafite iyo bamusize ku buryo rwose akiboneka, akiri mutaraga u... se mutaraga se? Mutaraga wapfuye nyine. Him! Ni umurambo nyine uboneka, hum! Bati "bari kuzamushyingura ku itariki ya gatandatu z'ukwezi gutaha". Kantano nimugoroba ati "hum!" Ati "ahubwo umugabo bamubuze. Hum! Bamwibye! Iyo nkuru turibuze kuyikurikirana cyane turebe niba... bashimuta n'umurambo, gushimuta umurambo se ibyo bintu birasanzwe ku isi ? Ni we Président wa mbere ku isi baba bashimuse, hein, mbere y'uko ashyingurwa. Icyo ni cyo kibazo cya mbere e... turibandaho muri ibi biganiro tugiye kugirana turatelefona turebe ko twa...gira umuntu twabona i Bujumbura atubwire uko bimeze cyanga ahandi no mu muhanga handi kuko hari abantu babikurikiranira hafi batari n'i Burundi.

Ariko kandi mwumvise... mu maradiyo ko MINUAR noneho yemeje gutangaza ku mugaragaro mu minota iri imbere nko mu ma saa mbiri n'igice mu kanya hum, ko bari... bateganyije ko baribuze kutangaza ku mugaragaro ukuntu byagenze muri Superefegitura ya Kirambo. Umunyamakuru wacu twohereje naba yabifashe neza nabwo muri aya masaha ari imbere turibuze kubibatangariza tubibagezeho. Ahasigaye mukomeze mwumve radiyo yanyu Radio RTLM umuzika mwiza n'amakuru ashyushye nta kibazo.

... aravuga ati... ati "ejo nari ndi iwacu muri Komine Tumba" ati "ahubwo ibintu birakomeye" ati

"mwe muravuga ngo Inkotanyi ntabwo zatugezemo" ati "ziturimo" ati "ejo ndi muri Komine Tumba Inkotanyi eshatu zaraje zifatira akana kavuye mu ishuli zirahondagura ngo nabareke se kubera ko se ashobora kuba ari umwe mu bategetsi ba CDR... ba CDR muri iyo Komine Tumba". Ati "akana baragakubise ariko karanangira kanga kuvuga aho se ari". Bati "noneho natwereke Président w'Interahamwe muri Komine Tumba". Umwana aranangira ati "simuzi" ariko rero arambwira ati naje

3.1

hano i Kigali nimugoroba" ati "nsize abo bagabo bamaze kwambuka bageze kuri makadamu" hum... urabona uvuye muri Tumba ugeze kuri makadamu ha... hafi y'i Tare, hafi y'i Rulindo ati "basa n'abahunga ariko banze guhunga bari kubirebera aho ngaho hafi bacunga kugira ngo barebe ukuntu wenda bahungisha imiryango yabo kugira ngo barebe ukuntu... hein, na bo babigenza ariko babibuze". A... ati "nababwiye ngo tujje i Kigali" ati "baranga". Banze nyine none se wata umugore n'abana ukaba uri umugabo? Ntibishoboka. Ariko kandi arambwira ati "wambwiye abo abategetsi nka buriya" ati "MINAFFET uba uri kutubwira ibintu bitagira icyo bitumariye" ati Premier Ministre Agata na we utazi igihugu cye uko kigenda ari Premier Ministre bakoherej e abantu muri Tumba cyangwa mu yandi makomine yose yugarijwe na ziriya Nkotanyi bakareba ukuntu babigenza? Hum! Ni na yo mpamvu... hari n'undi umbwiye ati "ndetse no muri iyo Komine muri iki cyumweru" ati "twe twabonaga neza Inkotanyi 23 twarazibaze zari ziri gukora infiltration, ziri gukora roperare, ziri kunekaneka buri rugo rwa buri muntu" ati "izo Nkotanyi zarahageze" ati "ariko ntitwiyumvisha uburyo i Kigali, abanyakigali baradutereranye niba tugomba gupfa... niba abantu bagomba gupfa koko ubutegetsi buriho ntawamenya ubwo butegetsi icyo buba bumaze".

Ubu ngubu rero abanyaruhengeri bari hano i Kigali cyangwa bafite inshuti zabo mu Ruhengeri bamenye ko amatelefone yo mu Ruhengeri yahagaze, nta wuzi impamvu. Ntelefonnye muri RWANDATEL ndababaza nti ese muri Rwandatel mu Ruhengeri nabona nimero izi n'izi bati "ashwi da"! Bati "nta kigenda". Ni ukuvuga rero (rire) mu gihe cy'imirwano iyo téléphone zitangiye guhagarara... simbakuye umutima ariko tugerageze turebe uko twamenye amakuru

**Cassette n°0141 transcrite par OL 3**

yaho, murabona umuntu uvuyeyo aje mu ga... Toyota cyangwa mu kandi kamodoka wamubaza ukuntu bimeze nanjye ndagerageza kubaza ninumva byakaze ndababwira. Twumve umuzika.

Orateur : Kantano.

... amakuru ashyushye mbazaniye ni uko rya tangazo twari tumaze iminsi dutegereje... rya tangazo twari tumaze iminsi dutegereje ry'Umuryango w'abibumbye... z'ingabo ze... z'Umuryango w'abibumbye kugira ngo e... tumenye abakoze amarorerwa ejobundi ku itariki... mu ijoro ryo ku itariki ya 17 rishyira irya 18 e... uku kwezi hariya mu Ruhengeri muri Komine Kidaho, Nkumba, Nyamugali na Cyeru, iryo tangazo rero twari turitegereje twese tugira ngo e... nyuma y'icyumweru

5.7

cyose ingabo za ONU zimaze iminsi zikora enquête muri kariya karere twari turyiteze kugira ngo tumenye abantu bakoze ariya marorerwa cyane cyane.

Tuvuye rero nonaha mu... mu nama dukoreshejwe na Dallaire muri Hôtel Amahoro mu ngoro ye hariya e... i Remera nimwumve rero ibintu bivuye mu itangazo adutangarije. Ikintu gusa kivuyemo ni uko avuze umubare w'abantu bapfuye, avuga ibyo abantu babi... babicishije ariko atangaza yuko ingabo za ONU zidashora kumenya... zidashobora kumenya uwakoze ariya marorerwa. Abantu bose bahise barambarara hasi bati "ibi ni byo wari uduhamagariye" ? Ngibyo rero ibivuye mu itangazo... e... rishyijwe ahagaragara n'ingabo z'Umuryango w'abibumbye ngo ntabwo bazi abishe... abakoze amarorerwa mu ijoro ry'uwa cumi na karindwi rishira uwa cumi n'umunani e... uku kwezi e... muri Komine Kidaho, Nkumba, Cyeru na Nyamugali. Murabyumvise ni iryo tangazo atugejejeho avuze abantu bapfuye, ibyo babicishije avuga yuko kubera ubuhanga ngo buhanitse ababikoze babikoranye ngo ntabwo bashoboye kubona ibimenyetso byatuma bashyi... bavuga igipande iki n'iki cyaba cyarakoze aya marorerwa. Ni ibyo rero byo mu itangazo rya Dallaire.

Ako kanya abanyamakuru bahise bamuhata ibibazo binyuranye baramubaza bati "ese ko

abaturage bose mwabonanye bababwiye bati ibyo ari byo byose nta bandi bakoze ayo marorerwa ni Inkotanyi na n'ubu ni zo turimo duhunga bati... a... ati... bati ibyo ngibyo mwabivugaho iki" ? Nuko Dallaire aravuga ati "ibyo nta cyo nabivugaho koko abantu bose bavuga ko ari Inkotanyi ariko nta kimenyetso twashoboye kubona". Bati "ese kuki abantu bose bari abo mu ishyaka MRND? Général Dallaire ati "e... ni byo koko kugeza ubu abo tumaze kubarura e... aba... abari mu i... twasanze bari koko mu ishyaka MRND ariko turacyakora enquête ku bandi.

Umunyamakuru umwe yamubajije ati "ese" ati "ko abantu bemeza ko ukunda FPR cyane, cyane cyane ko igihugu cyawe uvukamo Canada cyuzuyemwo abantu bo... b'Inkotanyi benshi..."? E... Général Dallaire nyine ubwo yahise arakara cyane aravuga ati "ncitse intege" ati "ibyo ari byo byose nta na rimwe iyo ndi hano ntabwo poli... yaba politike y'igihugu cya Canada si yo nkurikiza njye ndi uw'Umuryango wa ONU kandi ibyo byo kundega ubukotanyi ni ukubi... ni ukubyihutisha cyane naho kundega ko nkunda Inkotanyi-FPR" ati "ibyo ngibyo ndakeka yuko aba... ababivuga barihutisha amagambo ni ugushyushya imitwe". Bati "ese waba ufite icyo upfana na Madamu Lando ? Madame Lando, Madamu NDASINGWA Lando? Ati "mu by'ukuri e... muri Québec n'ubwo nkomoka muri Québec na we akaba akomoka muri Québec ariko Madame Lando sinari nzi yuko anaba no mu

8.9

Rwanda, muri Québec turenze miliyoni zirindwi ibyo ari byo byose Madame Lando simuzi ntabwo muzi na gato e... namumenye ejobundi aho ngereye hano e... mu Rwanda". Bati "ese" bati "kuki Ababiligi biyongereye bakava kuri magana atatu mirongo irindwi bakagera kuri magana ane mirongo itanu kandi abantu benshi barashakuje hano mu Rwanda yuko hari igipande cy'abantu bumva batabashaka"? Yavuze ati "ibyo bintu byose bikorerwa i New-York noneho bikajya mu kuvurungutana hari igihe baka igihugu bati aba, hari abo baka abasirikare igihugu kikavuga ngo ntikiba... ntikibishoboye bati... ati "ikindi kikavuga ko kibishoboye" ati "ubwo rero" ati... ati "ni... ni ibikorwa n'ibihugu n'uwo Muryango w'abibumbye uri New-York ntabwo jyewe ibyo bintu menya uko bikorwa". Baramubaza bati "umaze kuvuga ko ushyizeho commission... commission y'anketi..." ubu rero ngo hagishyi... hashyizweho commission

y'anketi igiye noneho gutangira gukora anketi ku buryo bunononsoye ku bya... kuri ariya marorerwa yabereye mu Ruhengeri. Iyo commission ngo izaba yagiyeho ari ejo... umenya ari ejo cyangwa ejobundi hanyuma noneho e... ikazajya ahagaragara. Bamubwiye rero bamubajije igihe iyo raporo izagiraho avuga yuko guhera ejo bazatangira kuvuga amazina y'abazajya muri iyo... muri iyo enquête hanyuma noneho e... iyo commission rero noneho igatangira igakora neza inononsora ngo kuko basanze abantu bishe bariya bantu barabikoranye ubuhanga, barabitekereje mbese ari nk'umu... yabigereranyije n'umuganga ugiye kubaga umu... umurwayi, uko abigenza, ukuntu abyitondera ni ko ngo abishe bariya bantu babigenje. Ubwo rero commission y'anketi ngo iri hafi igiye gutangira.

Hanyuma... mu... mu... ibindi bamu... bamubajije... bamubajije... bamubajije... bamubajije ibindi bibazo byinshi, byinshi, byinshi ndimo ndagenda ndeba hano e... ndimo ndamu... ndagenda ndeba hano ibintu bagiye bamubaza bamubajije n'icyo atekereza... atekereza kw'itangazo rya Ministre w'ingabo e... cyane cyane ku byerekeye guhagarika imishyikirano na FPR, aravuga ngo acyumva iryo tangazo ngo yahise agira ubwoba noneho ngo atangira kugirana imishyikirano hanyuma noneho ngo bamwizeza yuko ibintu bigiye mu buryo e... bakongera bagakomeza iyo mishyikirano. Mu kanya rero abumva igifaransa... abumva igifaransa mu kanya... (coupure).

... pistolet asanga baranakoresheje n'imbunda nini hanyuma noneho e... yibagiwe gusa yuko ba... n'inyundo n'udufuni babajanjaguje imitwe. Hanyuma rero icya gatatu: ngo kubera ubuhanga aba... abishe bariya bantu bakoresheje buhanga buhanitse e... n'ubwitonzi ngo babigiranye ngo ibyo byatumye badashobora kumenya ababikoze abo ari bo hanyuma noneho icyo e... ya... yahisemo

12.3
gukora noneho ngo ashyizeho"commission d'enquête" izagenda ikaba mu Ruhengeri ikiga ibyo bintu ibinononosora, ibinononosora hanyuma noneho ikaduha imyanzuro yuzuye. Mwumvise yuko Inkotanyi zatangiye gukwiza muri Radiyo yazo Muhabura mu gitondo zakwije ibintu by'ibihuha zivuga ngo "hari umuntu wabonetse ufite" e... ngo "hari umuntu wa... wabonetse" ngo "yi..." ngo

"amesa imyenda" ngo "iriho amaraso" ngo "hanyuma noneho" ngo "baza gusanga" ngo "ari umusirikare wo mu ngabo z'u Rwanda". Ibyo bintu mvuye mu Ruhengeri jyewe ubwanjye niboneye ako ka... ako kantu kari agakotanyi kuko iyo aza kuba ingabo y'u Rwanda se... yari gusubira mu kigo akajya kwihwagira! Ntabwo rero ibyo ngibyo bishoboka ko yarinda kujya ku mugezi ahantu ha kure akajya yimeseraho yi... yisigaho isabune amesa agira... ari na cyo cyatumye abaturage bamufata bakamujyana kuri burigade. Ibyo bintu nkiva mu Ruhengeri nahise mbivuga yuko bafashe agakotanyi kamwe bakaba bagafungiye kuri burigade e... ya... yo mu Ruhengeri. Kuvuga rero ngo... ngo "uwo muntu" ngo "basanze" ngo "ari umusirikare w'u Rwanda" ngo "warimo yi... wiyuhagira amaraso ibyo bintu nta ho bishingiye ni ukubeshya byo kuyobya uburari nahise mbivuga ako kanya ko bafashe Inkotanyi kandi muri izo, nta musirikare w'u Rwanda rero wajya kwi... kumesa ku iriba akantu k'agatreningi k'amafuti e... uwo nguwo yari yambaye k'ingegera e... aga... yisigaho isabuni ku mubiri agira ngo... ngo "ubwo ngubwo uwo n'umusirikare w'u Rwanda". Ibyo rero ni ibihuha, ibyo ari byo byose abantu bakomeje gutegereza kumenya neza abantu bakoze ariya marorerwa ariko rero uretse... uretse ibyo guhimana abakoze ariya marorerwa nta bandi n'Inkotanyi nta bandi ni Inkotanyi nta bandi, nta bandi. Ubu ngubu ngo Général Dallaire agiye kujya ku Mulindi kubonana n'Inkotanyi e... ubwo na none ntizibura ibindi zimubeshya e... ubu mu kanya ngo agiye kujya ku Mulindi ngo agiye kubonana n'Inkotanyi ubwo zirongera zimubeshye ibindi bintu hanyuma noneho ubwo tuzareba uko commission izakora nibyo izatangaza. Muri make rero abumva Radiyo RTLM ayo ni yo makuru mashyashya nari mbazaniye y'itangazo Général Dallaire amaze kugeza ku... ku banyamakuru abantu bari buzuye inzu e... hariya kuri hôtel Amahoro aho acumbitse nonaha, muri iryo tangazo mwumvise yuko inkuru idashimishije ni uko nyuma y'icyumweru cyose abantu bapfuye urwagashinyaguro mu Ruhengeri umurya... Dallaire uyoboye ingabo z'aba... za ONU atangaje yuko e... batazi abantu bishe bariya bantu ko nta we bashobora gushyiraho e... icyaha ko ahubwo bagiye gushyiraho "commission d'enquête" iyo commission izakora anketi noneho ikazavuga abantu ba... ba... bakoze ariya marorerwa.

15.1

Ubu rero Dallaire ngo agiye ku Mulindi ubwo Inkotanyi na none ziramubeshya ibindi abantu

bavuye mu cyumba bavuga bati "yewe" bati nta "Lunari" nta "Loni". Mukomeze rero mwumve Radiyo RTLM ubu ni saa ine n'iminota hafi makumyabiri.

Orateur : HITIMANA Noheli.

... simvuze ngo ntibyabashimishije ariko byabayobeye. None se ko atavuze ati bishwe na ba kanaka aba... abagomba gukurikiranwa ni ba kanaka bashyizeho gusa commission d'enquête ngo izajya mu Ruhengeri noneho iko... ikongera igatangira anketi izo anketi se nibitangira bikaba nk'iby'abo muri... muri GOMN n'ubundi twavugaga... bavugaga bati "turagenda tukareba gusa ibyabaye". Ariko se kwandukura ibyabaye ni byo bizanye n'ubundi na Loni ? Hum! Kantano arangije avuga ati "nta Lunari nta Loni". Reka ndege... ndeke MBILIZI na we agire icyo atubwira kuko na we yagi... yahageze. MBILIZI a été sur les lieux il peut nous dire ce qui suit.

Orateur : MBILIZI Philippe.

Merci beaucoup Noël, le communiqué de général...

Orateur : HITIMANA Noheli.

... ko bazashyingura Président wabo mu cyubahiro... mu cyubahiro gikomeye ariko kandi mwumvise ko hajemo ibibazo nk'uko Ministre Sylvestre... Ministre w'Ububanyi n'Amahanga Sylvestre w'u Burundi yabitangaje, yabivuze ntabwo byashobotse, ntabwo byashobotse ko bamushyingura uyu munsi kubera impamvu ebyiri cyane cyane imyiteguro batashoboye kugira ngo batunganye neza bakaba bakitegura, ikindi cya kabiri ni icyerekeye sécurité, hum! Sécurité ati "ntabwo iraboneka neza ari i Bujumbura ari mu gihugu hagati ku... a... ndetse no kugira ngo abava mu mahanga bashobora kuzajya mu... muri iyo mihango bazashobore kuba bari neza kuba ari en sécurité bari nta... nta mudugararo uhari, nta n'ubwoba, nta n'iki" ati "twabaye tubyigijeyo mbashyira ku itariki ya gatandatu z'ukwezi gutaha" bati "ni wo munsi twumva tuzaba twariteguye neza n'ishyaka ryacu FRODEBU rikaba ryamaze kubyitegura neza, kubyihweza noneho rero akaba ari wo munsi bateganije ko bazashyingura ku mugaragaro mu cyubahiro gikwiye Président Nyakwigendera Melchior NDADAYE.

17.4

Reka tube twumva umuzika (inaudible) N'amakuru yo mu Rwanda ari oyi mbona angeraho ndayabagezaho nta kibazo. Mukomeze mwumva radiyo yanyu Radiyo RTLM. Ariko kandi akantu nababwira tugitangira ni kamwe ni abantu bavuga bati (arimyoje) reka mbisubiremo bati "kuki iyi Radiyo yacu itagera Ruhengeri, itagera Gisenyi, itagera Cyangugu, itagera Gikongoro, itagera Butare iyi radiyo kuki tutayumva hose? Aho hose ndetse n'i Gitarama mu mugi kuyumva birakomeye n'i Rwamagana kuyumva birakomeye ariko i Kibungo ku Rusumo bakaba bayumva neza. Him! Ndabizi no ku Kibuye bayumva neza ariko hagati aha ngaha muri za Mabanza bashobora kukubwira bati ntabwo tuyumva neza. Ibyo ngibyo ni ibyo twita l'essai technique" icya mbere na mbere dufite za antennes zacu... zacu za Radio privé, société yigenga, antennes zacu twigengaho, tugomba kwigengaho tukavuga tuti... gukoresha antennes za Radio Rwanda na byo byashoboka, byashoboka collaboration gufatanya hum, kunga ubumwe gushyira hamwe twabikora ariko kandi mbere yo kubikora umuntu agomba gutekereza akavuga ati aya mafaranga dukoresha ni amafaranga ni imigabane abantu bifatiye ku giti cyabo bashinga sosiyete yabo ntabwo ari imfashanyo. Hari abantu babyitirira rero ngo ni imfashanyo ngo nanjye nzashyiramo bitanu ngo mbafashe. Ntabwo ari bitanu byo kudufasha ni bitanu byawe ushyize muri sosiyete ushobora kuva... kubaza buri gihe uti inyungu zanjye ziri he, amaze kuba angahe cyangwa se ntabwo arunguka? Kuko nko mu myaka itatu ya mbere ntacyo tuzunguka kubera ko tuba twarayashoye dushaka kugira ngo twunguke. Nta muntu urashora uwo munsi rero ngo bucye yungutse ntibishoboka! Yee. Bati none se iyo radiyo nyine ko tuyashoramo, tukayatanga, dugafata imigabane utanga atanu, itanga ibihumbi cumi, utanga makumyabiri, utanga miliyoni imwe hari n'abatanze izirenga zitatu, him" kuko muri statuts zacu ushobora kugeza kuri miliyoni eshanu ntuzirenze kuko uzirengeje waba ugiye kudukoloniza ntitwakwemerera, ntitwakwemerera ko warenza 5 kubera ko a... (rire) ijambo ryawe ryaba rikaze cyane ku buryo nta wabyumva! Yee cyangwa ntawashobora kubyumva. Bati "none se twebwe tuzabona dute ubushobozi bwo kugira ngo twumve iyo radiyo"? Bizashoboka, biri mu nzira zo gushoboka ariko kandi imigabane igomba kwiyongera, imigabane itiyongereye ubwo bushobozi nta bwo dufite, nta bwo dufite imigabane itiyongereye. Ni ukuvuga ko rero abanyacyangugu, abanyagikongoro, abanyabutare, abanyaruhengeri, abanyagisenyi n'abanyabyumba ndetse batumva iyi radiyo n'abanyakibungo,

abanyarwamagana nababwiye mu

20.1

Ruhango barayumva ariko Gitarama ntibayumva muri kumva, hein! Ni ukubera imisozi, ni kubera ukuntu les ondes e... ko dukoresha se... e... singiye gusobanura iby'amaradiyo cyane kuko byafata igihe kuva muri FM si kimwe no muri ondes courtes, hein! Izo za ondes uko zigenda zo iyo zibona umusozi ihagarara aho ariko iyo inyuze hejuru y'umusozi ikagwa ku wundi musozi hakurya barumva. Na yo iyo ihuye n'umusozi kubera cyane cyane ubutaka bwacu burimo za gasegereti n'ibindi byuma bihita bi... bibura iyo onde. Hum! Ubutaka bwacu ni bwo bu... tera ikibazo kubera bw'iyo misozi yacu, naho ubundi hose yahagera. Iyo tuba nko muri Hollande hatagira umusozi, ni igihugu kitagira umusozi ubu hose biba byaba byumvikana ariko rero tugomba kuzagira za pilonnes hirya no hino. Muti ese noneho ikibazo cya Radio Rwanda ko bavuze ko mushobora kumvikana niho nari ngiye kubasobanurira kugira ngo mbabwire ko tugomba kongera amafaranga tukigurira izacu za... izacu za réémetteurs noneho tukenstala ibintu byacu aho twateganyije harahari noneho tukigenga kuko si bibi gukorana na Leta n'ubundi turakorana, narababwiye ejobundi ko rwose nagiye kuri Radiyo bakampa ijambo ry'Umukuru w'igihugu nkaza nkarihitisha barakoze n'ubundi ubu turakomeza dukorane ariko kandi hum, kubihetsaho cyanga kubabwira ngo ni bo... tugiye gukorana ngo bajye baraduhitirisha (rire) urumva société privée iba ari privée tugomba kugera aho... ubwigenge bwacu aho bugarukira. Noneho rero nk'uko nabibabwiraga ari aba...nyacyangugu, Gikongoro, Butare, Ruhengeri, Gisenyi ndetse na Byumba ndetse n'Abanyakibungo, Kigali ahari, Kigali-Ngali ndumva hose tuhagera ariko se muri Gashora na Ngenda no mu ki... Gisenyi nayigezemo no mu Kirundo... no mu Kirundo hari umuntu wigeze kumbwira ko bayumva neza, barayumva, hein! Twari dukwiye kongereye i... i... imigabane tugafata imigabane myinshi muri iyi Radiyo RTLM twamara kugira imigabane myinshi ubwo ngubwo mukavuga muti ko twebwe abanyacyangugu twatanzemo amafaranga ahagije, agaragara réémetteur yacu iri hehe? Ko Gisenyi twatanze amafaranga rwose tukaba tuzi abanyagisenyi bayatanze ko ari menshi hein, iyo réémetteur yacu iri hehe? Abanyaruhengeri bati ni uko, hein, abanyabyumba bati ni uko, abandi bose bati ni uko noneho tukabona ko tuyishigikiye tukabona twese iminara idukwiriye muri iki gihugu cyose. Igisobanuro

nari mfite muri iki gitondo ni icyo ngicyo ariko kandi utelefona akambaza ibindi ndamusubiza kubera ko kuri iki kibazo mfite ibisobanuro bihagije. Twaba twumva umuzika.

... saa mbili n'iminota 35 hano i Kigali muri studio za Radiyo yanyu Radiyo RTLM turacyari

22.8

kumwe turacyaganira kugeza saa 6 muri kumwe na HITIMANA Noheli, muri kumwe na BIZIMANA kuri cabine technique uwo umuzika ni uwanyu urabageraho ariko kandi tugakomeza tukaganira. Muti ese none ugiye kutubwira iki ? Ngiye kubabwira ko kuri Radiyo RTLM twishimiye cyaaane cyane ibyo Madamu UWILINGIYIMANA Agata yavuze avuga ati mwa Barundi mwe n'Abanyarwanda bumvireho Umuhutu nta gihe na kimwe atazaba Umuhutu, Umututsi nta gihe na kimwe atazaba Umututsi. U Rwanda, u Burundi nta gihe na kimwe hatazabamo Umuhutu n'Umututsi. Ibyo rwose twabyishimiye cyane kubera ko simvuze ngo yavuze mu gi CDR kubera ko n'ubundi ni ko kuri kuriho. Kutubwira ngo... ngoo wenda tugomba kunga ubumwe nta gahato k'ubumwe kariho kubera ko na buri bwoko bufite ubumwe bwabwo kandi bugomba kubushaka. Niba rero yemeye ko ubu noneho akaba yemeye ko Umututsi ari Umututsi, Umuhutu ari Umuhutu tugomba kubimenya tukabyigishana kuko yabyigishije, tukabyigishana ubu ngubu nta kibazo cya... cyagombye kubaho twagombye kumenya ko Umuhutu asa n'Umututsi ko afite imico ye, imibereho ye, imikorere ye, ingendo ye, ukubaho kwe byumvikana. Umuhutu akaba Umuhutu afite imico ye, ingendo ye, imimerere ye, hum wenda ijyanye n'iye bi... bikaba bizwi, bikaba bizwi nk'ubu abantu bamara kwimenya, bamara kumenyana bakabana.

Niba ariko bimeze rero ariko na... Premier Ministre Agata yabivuze turabimushimiye rwose kuri RTLM. Icyo kintu twese nitugishyira mu mutwe, tukakiyumvisha umuntu arajya ahura n'Umututsi avuge ati wa Mututsi we amubwire ati ndi we nyine bitwaye se iki ? Nahura n'Umuhutu amubwire ati wa Muhutu we, ati mbabarira rwose ati iryo ni ikosa na we abimenye nyine, ikibazo kirihe se ? Igihe tuzabyi... tuzabimenya tukabyishiramo na Padiri iyo ahuye na Pasiteri abwira Pasteur ati waramutse Pasteur, Pasteur ati waramutse Padiri, si byo? Iyo ahuye na

Hadji, him cyangwa Mwalimu bamwita... bakunda kubita ba Mwalimu bariya bakuru mu... mu Bayisilamu arababwira ati rwose Mwalimu mwaramutse? Ati naramutse. Muraho ? Muraho? Ikibazo ni ikihe ? Ni iki ngiki. Ba... bakakijyamo bakumvikana ariko se kuki noneho twapfa nyine wa mugani Ubuhutu cyangwa Ubututsi ugasanga abantu baramarana, baramarana kera ngo bapfaga amazuru none ho ubu byaranahindutse ntiwamenya n'izuru ry'Umututsi n'iry'Umuhutu muri iki gihugu uretse kumenyana gusa. Abantu bose baraziranye ntihazagire uzabeshya undi ngo njyewe ngo kubera ko izuru ryanjye ritameze gutya ngo ntibanzi! Barakuzi, barakuzi uko umeze kose uri mwene naka, wavutse ku gasozi aka n'aka, prefegitura, commune, selire, segiteri ngo ntibakuzi! Uri mwene naka. None se ko uri mwene naka

25.6

wabihakana ute? Ko umuzungu se atari ya... mu Rwanda ngo abe umwirabura? ko Umushinwa ataraba umwirabura se cyangwa ng abe umuzungu? Hein! Iyo umuntu ari kuvuga ati njyewe ndi umuzungu aba ari umuzungu nyine, iyo ari umwirabura aba ari umwirabura, iyo ari Umushinwa aba ari Umushinwa, iyo ari Umuyahudi aba ari Umuyahudi, iyo ari Umwarabu aba ari Umwarabu. Dore Aba palestiniens, abo muri Palestina n'aba (rire) n'Abayisilaheli Abayahudi bamaze imyaka ingahe se barwana? Bapfa iki ? Bapfa ubusa, gupfa ubwoko ni agahinda. Dukomeze twumve umuzika.

... aranga ati "Noheli" (arimyoza) ati "dufite ibibazo" ati "ejo umupira wabaye warawukurikiye"? Nti narawukurikiye kuri Radiyo. Bati ese wumvise byagenze bite? Ti numvise barashwanye. Ati "u... uzi impamvu bashwanye se? Hum. Ati "burya rero" ati "iby'imipira yo mu Rwanda bisigaye bijyamo na politike" ati "umupira w'ejo wagezemo politike kubera iki"? Kubera ko FPR yabyivanzemo. Bati... hum! Nti ese bi... FPR yo ibijemo ite kandi mu mipira yo mu Rwanda? Bati "FPR yabyivanzemo kubera imyenda, imyambaro y'abakinnyi ba Rayon Sport". Ati "abo bakinnyi rero bambaye bleu-blanc" ati "rero bashyigikiwe... nyine iyo bageze ku mupira baba bashyigikiwe na FPR" ati "rero bakoze uko bashoboye kugira ngo igikombe gitahe i Bwami, i Nyanza noneho rwaserera ivuke ityo" bati "kubera ko n'utudarapo bagendaga berekana hum" ati "twari utwa FPR twa bleu-blanc" ati "n'ubu umva ko ibintu byabaye ibya politike bikagera no

mu makipe". Ariko ibyo bintu ndasaba Imana, ndasaba abantu bose bumva iyi Radiyo, Radiyo RTLM ko rwose twagerageza kwikuramo ibyo bibazo. None se ubu... noneho n'amakipe azahindure imyenda, cyanga se... bizagende bite se ? Bizagende bite? Mu... murumva ko ibyo bintu bimeze nk'itiku, bisa n'itiku! None se amakipe azazire ko yambaye imyenda cyanga ba arbitres bazazire ko noneho wenda bari ku... gusifura, hum! Abandi bakavuga ngo ni gusifura bakurikije ibyo FPR yabategetse. Ibyo rwose njyewe ku giti cyanjye... cyanjye cya Noheli sinzi ko nabyemera.

Ariko niba ari uko byagenze rero... niba ariko byagenze abasufuzi bakabogamira hum, ababategetse kubogama byaba biteye agahinda. Ii. Ati "ariko se" ati "uzi ko hari umugabo muri FPR ugiye kwenda kuzatuma witwa NGUMBAYINGWE? Hum! Ati NGUMBAYINGWE ni umuntu wabonye igarade rikomeye mu Nkotanyi kubera ko yamaze abantu mu Ruhengeri ahabonera diplôme ikaze amaze kumara imbaga mu Ruhengeri". Abasirikare rero bose, hein barwanye iyo ntambara ngo baramuzi, abo basirikare bose reka mbature ako ka disque bakumve bamenye ko ngo NGUMBAYINGWE akiriho ni ukumwitegura.

... twishimye mwiza rwose muri iki gihugu tugomba kujya tugenderaho wenda tuka...kurikiza

28.7

ingeso ze nziza ni umutoza wa Etincelle. Ati "uwo mutoza yitwa Lonjini". ati yahabereye umugabo" ati "nta ko atakoze agakaluma abantu be akabashyira mu mutuzo" ati "rwose twaramushimye kuri cya kibuga" ati "shimira Lonjini". Ati "ikindi cya kabiri" ati "watubwiye ko utwo twuma ubuze, hein, ugomba kuzatubona vuba ukongera ukatwanima nka kera". Ati "tugiye kureba uko dushoboye" yitwa "Membre" ati "uko dushoboye dufate imigabane amafaranga aboneke noneho urebe ukuntu wakora nk'uko wakoraga kera". Ndamushimiye cyane irindi zina rye ntabwo ndizi, hum, yambwiye ati "u... umenye ko banyita "Membre" gusa. Ok. Ati rero... n'ibindi wavuze byose turabikurikira" ati "abantu ni uko bagombye kwitonda". Ati "ibyo Madamu Agata yavuze" ati "avuga ko Umuhutu ari Umuhutu, Umututsi akaba ari Umututsi" ati "twabishimye twese". Ati "ahubwo ongere ubwire Abahutu ko bagomba kuba fier, fier ko ari

Abahutu n'Umututsi akaba fier yo kuba ari Umututsi" ati "noneho twamenyana twahura tukarebana tugasanga twese dushobora kuba muri iki gihugu kuko ni icyacu twagira dute se ko ari ho Imana yaturemeye ko ari ho turi twagenza dute" ? Ati "rwose" ati "ndag‿shimiye" ati "komeza ukore" ati "nibyo twifuza". Arakoze rwose n'iyi disque ikurikiye ndayimutuye.

Orateur : HITIMANA Noël.

... ukurikiye neza... ukurikiye neza wasanga iyi Guverinoma...

Orateur : HITIMANA Noheli.

